REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO

www.nic.gov.rw

# AMABWIRIZA YO GUTOZA ITORERO INDAHANGARWA HAKORESHEJWE IYAKURE

## e-ITORERO INDAHANGARWA

05-18 Kanama 2021

*"Duhamye Umuco w' Ubutore no Kwigira"*

# JOINING INSTRUCTIONS

Nyakanga 2021

## IRIBURIRO

1. Komisiyo y' Igihugu y' Itorero (NIC) ifite intego yo ***"Kubaka Umunyarwanda ukunda Igihugu, ukunda umurimo, ufite Indangagaciro na kirazira z' umuco nyarwanda kandi ufite umuco w' Ubutore".***

2. Igicumbi cya Komisiyo y' Igihugu y' Itorero giherereye mu Ntara y' Amajyaruguru mu Karere ka Musanze. NIC ikaba ifite inshingano yo gutoza buri Munyarwanda wese hakurikijwe "*Ingamba y' Intore*" abarizwamo arizo zikurikira:

   a. ***Ibirezi*** : Ingamba igizwe n' abana bafite imyaka y' ubukure iri hagati ya 0 n' imyaka 5.

   b. ***Imbuto*** : Ingamba igizwe n' abana bafite imyaka y' ubukure iri hagati ya 6 n' imyaka 12.

   c. ***Indirirarugamba*** : Ingamba igizwe n' abafite imyaka y' ubukure iri hagati ya 13 n' imyaka 18.

   e. ***Indahangarwa*** : Ingamba igizwe n' Urubyiruko rufite imyaka y' ubukure iri hagati ya 19 n' imyaka 35.

   d. ***Ingobokarugamba*** : Ingamba igizwe n' abafite imyaka y' ubukure iri hagati ya 36 n' imyaka 55.

   f. ***Inararibonye:*** Ingamba igizwe n' abafite imyaka y' ubukure 56 kujyana hejuru.

3. Komisiyo y' Igihugu y' Itorero itoza umuco w' Ubutore ibinyujije ahantu hatandukanye:

   a. Ibigo bitoza Umuco w' Ubutore (Ubutore Development Centers).

   b. Itorero ryo ku Mudugudu.

   c. Itorero ryo mu Mashuri.

d. Itorero mu nzego z'Imirimo no mu mitwe y'Intore.

e. Itorero ryo ku Rugerero

f. *Iyakure/e-Itorero*.

4. Nyuma y'uko icyorezo cya COVID-19 kigeze mu Rwanda, Guverinoma y'u Rwanda yafashe gahunda yihuse yo kurwanya no guhangana nacyo, hafatwa ingamba zinyuranye. Zimwe muri izo ngamba harimo guhagarika ibikorwa bihuza abantu benshi ndetse rimwe na rimwe buri wese akuguma mu rugo.

5. Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yasanze ari ngombwa gutangiza gahunda yo gutoza hakoreshejwe uburyo bwa ***Iyakure/e-Itorero*** aho Abanyarwanda bari mu byiciro bitandukanye bazajya batorezwa aho biboroheye hakoreshejwe imiyoboro y'ikoranabuhanga.

## INTEGO ZO GUTOZA HAKORESHEJWE IYAKURE (AIM OF *e-ITORERO)*

6. Gutoza hakoreshejwe ***"Iyakure e-Itorero"*** bifite intego zikurikira:

a. Gutoza umuco n'umurage n'amateka byaranze kandi biranga Umunyarwanda n'u Rwanda kuva ruhanzwe kugeza ubu.

b. Kwimakaza Indangagaciro z'Umuco mu rubyiruko no gutanga ubumenyi bukwiriye kandi butuma baguma mu murongo muzima wo gukunda Igihugu, kugikorera ndetse no kwirinda ibishobora kubangiza.

c. Gukomeza gutoza abanyarwanda kubahiriza Indagagaciro na kirazira bibafasha kubaka u Rwanda rwa none n'ejo hazaza.

d. Gutoza abanyarwanda Umurage w'u Rwanda n'uburyo bakwirindira Igihugu, birinda ibyabatanya kuko aribyo bivamo gusenya Igihugu.

## ITORERO INDAHANGARWA

7. Komisiyo y' Igihugu y' Itorero (NIC) ifatanyije n' izindi Nzego yateguye Itorero ry' Urubyiruko rizakorwa hifashishijwe uburyo bw' Ikoranabuhanga **"e-ITORERO INDAHANGARWA"** kuva tariki 05 -18 Kanama 2021. Iri Torero rizitabirwa n' Urubyiruko rw' Abanyarwanda ruba mu mahanga n' Indashyikirwa zizatoranywa mu rubyiruko rutuye mu Rwanda, kugira ngo batozwe Indangagaciro Nyarwanda zubaka Umuco w' Ubutore.

## IMYITEGURO IREBANA NO GUTOZA HAKORESHEJWE *"IYAKURE/e-ITORERO"*

8. Ahantu hose hatorezwa ku buryo bwa ***"Iyakure/e-Itorero"*** hafatwa nk' Ikigo gitorezwamo Umuco w' Ubutore. Hagomba kuba hagaragara ibirango byo gutoza bigizwe n' ibi bikurikira:


a. Ikirango cy' Itorero (Backdrop).
b. Amahame y' Intore n' Indangagaciro by' Umuco nyarwanda.

9. Ikirango cya e-ITORERO INDAHANGARWA gishyirwa mu cyumba gitorezwamo ni iki gikurikira.



10. Amahame y' Intore n' Indangagaciro by' Umuco nyarwanda ni aya akurikira:



11. Ahatorezwa hagomba kuba hafite kandi ubushobozi (ibikoresho) bwo gutuma abatozwa bakurikira neza Itorero n'Umutozwa aho atorezwa kugiti cye akaba afite ibi bikurikira:

a. Agomba kuba afite imashini (laptop).
b. Agomba kuba afite internet ihagije (3G cyangwa 4G).
c. Ari ahantu hatuje hatamurangaza.

12. Bazatorezwa ahantu hamwe(station relais) i Kigali ariko abatozwa bo bazaba bari mu gihugu imbere ndetse no hanze yacyo (Diaspora).

## IMBERE MU GIHUGU

13. ***Buri mutozwa azatozwa ku giti cye, afite imashini yihariye mu rwego rwo kubahiriza amabwiriza yo kurwanya no kwirinda COVID-19.*** Mu gihe ingamba zo kurwanya COVID-19 zaba zemerera abatozwa gutorezwa mu Isibo, bashobora gutorezwa aha hakurikira ariko buri muntu ku giti cye(Imirenge, Uturere, zimwe muri International Schools n' aho Intore yaba iri biyoroheye,aha hantu hashobora kuborohereza gukoresha Local Area Network (LAN).

## HANZE Y'IGIHUGU

14. ***Buri mutozwa azatozwa ku giti cye, afite imashini yihariye mu rwego rwo kubahiriza amabwiriza yo kurwanya no kwirinda COVID-19.*** Habaye hari ubundi buryo bworoshya imitoreze, Ubuyobozi buzabigena kandi bukurikirane ko Itorero rigenze neza.

## IMITOREZE (METHOD OF INSTRUCTION)

15. Imitoreze ya e-Itorero Indahangarwa izakorwa mu buryo bukurikira:

a. Abatozwa bazatozwa bakurikira umutoza kuri machine/cyangwa ubundi buryo.
b. Abatozwa bazakurikira umutoza atanga ibiganiro, herekanwa video.

c. Ibiganiro (Lectures and Presentations).
d. Panel Discussions (Visiting Lecturers).
e. Kubaza ibibazo no gusubizwa (Q/R).
f. E-Syndicate Discussions.
g. Etc.

## IBIHE BYO GUTOZWA

16. Amasaha yo gutozwa azashingira kuri Time Zone hakurikijwe aho abatoza baherereye mu buryo bukurikira:

a. Afurika, Uburayi, Aziya na Oseyaniya: **10h00-14h00** (isaha y' i Kigali) =UTC+2.

b. Ibihugu by' Amerika: **17h00-21h00** (isaha y' i Kigali) =UTC+2.

## IBYUBAHIRIZWA N' ABATOZWA

17. Umutozwa agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

a. Umutozwa wifuza kwitabira Itorero agomba kuba yariyandikishije, yaremerewe kandi agomba kuzuza ibi bikurikira:

(1) Kuba ari Umunyarwanda.
(2) Kugira imyaka y' ubukure hagati ya 18-35.
(3) Kuba afite umwanya wo gutozwa ku ma tariki ya 05-18 Kanama 2021.
(4) Gutozwa Itorero ku bushake.
(5) Kuba afite imashini (Laptop) na Internet (3G and 4G) cyangwa cyangwa ubundi buryo bumufasha gukurikira neza amasomo.
(6) Kuba ashobora kwibonera agapira k' umutozwa (si ihame).

b. Kwiyandikisha bikorwa huzuzwa ifishi iboneka ku mbuga zikurikira:
(1) www.nic.gov.rw ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero.

(2) www.minaffet.gov.rw ya Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane

c. Mbere yo gutozwa, Umutozwa yerekana ko yemerewe gutozwa;
d. Umutozwa agomba kuba azi neza imyifatire iboneye yo gutorezwa ku Iyakure:
   (1) Kwitegereza neza umutoza.
   (2) Gutega amatwi neza umutoza.
   (3) Gufunga mikoro ye (muting) keretse ahawe ijambo.
e. Umutozwa agomba gukora imikoro yose ahawe n'umutoza.
f. Buri mutozwa asabwa kurangwa n'ituze yirinda ibintu byose byarangaza abandi (Discipline).
g. Buri mutozwa asabwa kubahiriza igihe cyagenwe kuri buri gahunda.
h. Umutozwa usohoka ahatorezwa agomba kubikorana ikinyabupfura atabangamira abandi batozwa bakurikiye amasomo kandi abisabiye uruhushya.
i. Umutozwa yicara imbere y'imashini wenyine gusa mu rwego rwo kubahiriza amabwiriza yo kwirinda no kurwanya Covid-19.
j. Umutozwa ntiyemerewe gusurwa mu gihe cyo gutozwa.
k. Umutozwa ntiyemerewe gufungura telephone igihe cy'amasomo.
l. Umutozwa afata ijambo ari uko yarisabye yazamuye akaboko akarihabwa (*ubwo buryo bwa IT bwo gusaba ijambo muzabuhugurwamo*).
m. Ibivugiwe mu Itorero n'Ingero zitangwa bifatwa nk'ibiri mu rwego rw'imitoreze kandi biguma aho mu rubuga ruhuza Abatoza n'Abatozwa.

## IBYO UMUTOZWA ASABWA KWITWAZA

18. Umutozwa uzitabira e-Itorero Indahangarwa agomba kuba afite ibi bikurikira:

a. Umutozwa agomba kuba afite imashini cyangwa ubundi buryo bumufasha gukurikira neza amasomo
b. Umutozwa agomba kuba afite Indangamuntu cyangwa Pasiporo.
c. Ikarita y'ubwishingizi mu kwivuza (Medical Insurance Card).

d. Ikarita y' ishuri ku banyeshuri.
e. Ikayi y' umutozwa n' Ikaramu.
f. Ibikoresho by' ibanze byo kwirinda COVID-19.
g. Umutozwa yambara umwambaro w' umutozwa(T-Shirt) w' ibara ry' icyatsi kibisi(uzawibonera).


**Umwambaro w`UMUTOZWA**




## IBYO UMUTOZA AGOMBA GUSOMA MBERE YO GUTANGIRA ITORERO (PRE-ITORERO READING MATERIALS)

19. Hari imfashanyigisho, inyoborabatoza n' ibitabo bitandukanye umutozwa yatangira gusoma kare yimenyereza. Biri kuri web site ya NIC (DOCUMENTATION):

www.nic.gov.rw




## GUSOZA ITORERO NO GUHABWA ICYEMEZO CY' INTORE (ITORERO CLOSING CEREMONY AND CERTIFICATION)

20. Uzakurikira neza Itorero azahabwa "*ICYEMEZO CY' INTORE* "kizatangwa ku buryo bw' ikoranabuhanga. Kubw' iyo mpamvu uzatozwa wese arasabwa kuzuza neza umwirondoro we nkuko ugaragara ku cyangombwa cye(Passport cyangwa Indangamuntu).

21. Mu rwego rwo kugira ngo hadatangwa amabwiriza atandukanye cyangwa avuguruzanya, buri mabwiriza atangwa n' abafite inshingano yo kuyatanga hashingiwe ku miyoborere y' Itorero. Ururimi rukoreshwa mu mitoreze ni *ikinyarwanda*. Ibikorwa byose bigomba gushingira ku mahame y' Intore yimakaza Indangagaciro z' u Rwanda.

## UMUSOZO

22. Kubahiriza aya mabwiriza bizafasha gukurikira neza Itorero aribyo bizatuma abatoza b' Intore bakomeza gushyira hamwe imbagara mu kubaka u Rwanda rw' ubu hategurwa ejo heza hazaza kuko ari umugambi mwiza Igihugu gifite uzafasha urubyiruko rw' u Rwanda n' Abanyarwanda muri rusange gukomeza umurongo w' Ubutore bazirikana umuco n' amateka byaranze Igihugu cyacu n' Umurage dukomora ku bakurambere.

**Ku bindi bisobanuro mwabaza:**

a. **Madamu UZARAMA Fausta**
Telefone +250785556388
E-mail:fuzarama@nic.gov.rw
b. **Madamu UWIMBABAZI MAZIYATEKE Sandrine**
Telefone +250782706730
E-mail:suwimbabazi@minaffet.gov.rw
c. **Bwana NGABOYERA Valens**
Telelefoni +250788535045
E-mail:vngaboyera@mineduc.gov.rw

**Mushobora no kudukurikira ku mbuga nkoranyambaga zikurikira:**

## Social Media Accounts

Stay connected with National Itorero Commission (NIC) !
NIC is active on Facebook, Twitter, Instagram, and Youtube. Like, follow, and subscribe to get the most out of our communication channels!

Facebook : https://www.facebook.com/National-Itorero-Commission
Instagram: https://www.instagram.com/itorero_nic/
Twitter Account : @NICrwanda

Bikorewe i Musanze kuwa 25 Nyakanga 2021.

Murakoze

Digitally signed by NIC(Vice Chairperson)
Date: 2021.07.29 08:33:35 +02'00'

Désiré MIGAMBI MUNGAMBA
Lt Col
Visi-Perezida wa Komisiyo